CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'175 Y'INAMA Y'ABEPISIKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI KUVA KU ITARIKI 23 KUGEZA KU YA 26 NZERI 2025

Guhera ku wa kabiri tariki ya 23 kugera ku ya 26 Gicurasi 2024, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange y'175 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimburiwe n'isengesho saa yine n'iminota cumi n'itanu. Abepiskopi b'amadiyosezi icyenda bitabiriye inama bose.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, waje wenyine kuko agitegereje umunyamabanga usimbura Padiri Tomasz GDULA wagiye kuba umunyamabanga mu biro by'Intumwa ya Papa muri Nouvelle Zélande.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye abepiskopi abaha ikaze, ababwira gahunda y'inama abifuriza kuzagira imirimo myiza. Yahaye ikaze ku buryo bw'umwihariko Padiri Innocent NDAYAMBAJE umunyamabanga mushya wungirije ushinzwe Abakozi n'umutungo mu Nama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda, wari uje mu nama bwa mbere. Yibukije abandi Bepisikopi ko inama yo muri Nzeri akenshi isuzuma ibirebana n'uko umutungo wakoreshejwe mu mwaka urangiye n'ibiteganywa gukorwa mu mwaka w'ikenurabushyo utangiye. Ibyo bikanajyana no kumva uko umwaka w'ibikorwa wagenze muri rusange. Yasabye buri wese gutanga umuganda w'ibitekerezo ku cyarushaho gufasha mu migendekere myiza y'ibikorwa bya Komisiyo na Serivisi za CEPR.

Intumwa ya Papa, mu ijambo rye, yasabye Abepisikopi kwihatira gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi bagendeye ku nyandiko yashyizwe ahagaragara n'Ubunyamabanga bwa Sinodi i Roma ivuga ku nzira zo kunyuramo mu gihe cyo gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi hagati y'imyaka 2025-2028. Yabibukije ko umwaka w'2025-2026 uzagenerwa gushyira mu bikorwa imyanzuro ya sinodi ku rwego rwa Kiliziya y'ibanze; muri 2027 igihembwe cya mbere ni ku rwego rwa za diyosezi; mu gihembwe cya kabiri 2027 ni ku rwego rw'Inama z'Abepiskopi, Kiliziya z'iburasirazuba no ku rwego rwa Kiliziya zihariye. Amezi ane ya mbere ya 2028, hazaba inama ku rwego rw'Imigabane. Mu kwezi k'Ukwakira 2028 hazaba inama ku

rwego rwa Kiliziya y'isi yose i Vatikani. Yavuze ko Sinodi ibereyeho gushimangira ubuzima n'ubutumwa bya Kiliziya, impinduka zaza izari zo zose zigomba gutuma kwamamaza no guhamya Ivanjili bigenda neza.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yarebeye hamwe na bagenzi be gahunda yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Bahereye ku kugezanyaho iby'ingenzi mu byaranze ubutumwa muri buri Diyosezi hagati ya Gicurasi na Nzeri 2025. Inteko rusange yasuzumye ibindi byari ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

1. **Ingoro ya Kibeho**

Abepisikopi bateze amatwi Musenyeri Célestin Hakizimana, Umwepisikopi wa Gikongoro, wababwiye ibijyanye n'Ingoro ya Kibeho. Yabagejejeho uburyo gutegura iminsi mikuru ya Kibeho bisigaye bisaba byinshi birenze ubushobozi bw'abasanzwe babitegura. Yababwiye ko bazakomeza kongera umubare w'abasaseridoti ba Diyosezi bahakorera ubutumwa.

Abepisikopi bemeje komite izajya ikurikirana ibya Kibeho kugirango ifashe mu gukumira kare ibyakurura ubuyobe. Abepisikopi biyemeje gukomeza kuba hafi Diyosezi ya Gikongoro cyane cyane mu gushaka aho yagurira ibikorwa by'ingoro.

2. **Yubile y'impurirane**

Abepisikopi baganiriye ku myiteguro yo guhimbaza ikenurabushyo ry'abalayiki muri yubile y'impurirane. Uyu munsi mukuru uzabera i Byumba tariki ya 08 Ugushyingo 2025. Basanze Imyiteguro igenda neza. Abepisikopi kandi bavuze ku myiteguro yo gusoza yubile ku ya 06 Ukuboza 2025, inama zirarimbanyije, zitegura ubushobozi n'imigendekere myiza y'uwo munsi mukuru.

3. **Raporo y'ibikorwa n'ikoreshwa ry'umutungo mu Maseminari Makuru**

Abepisikopi bakurikiye raporo zatanzwe n'abayobozi b'amaseminari n'abashinzwe umutungo. Bashimye umurimo ukorwa n'abarezi. Abepisikopi basabye abarezi mu Maseminari Makuru kwita ku byangombwa bituma ababa abapadiri barushaho kuba abantu bita ku nshingano zabo. Abepisikopi barashishikariza abategura abajya mu maseminari gushyira imbaraga mu kubigisha indimi n'indangagaciro nkirisitu. Abepisikopi biyemeje kuzaha umwanya uhagije ibireba amaseminari mu nama itaha.

4. **Raporo y'ibikorwa n'ikoreshwa ry'umutungo muri za Komisiyo na Serivisi**

Abepisikopi barebeye hamwe raporo za Komisiyo na Serivisi. Basabye ko umuryango remezo wavugururwa ukarushaho kuba igicumbi cy'ubumwe n'ubutabera. Abepisikopi barasaba abakirisitu gukomeza kwitabira ibikorwa byimakaza imibanire myiza birinda amakimbirane mu miryango. Barasabwa kandi gukomeza gahunda z'ubumwe n'ubudaheranwa mu rugendo rw'isanamitima.

Mu rwego rw'uburezi, Abepisikopi bifuje ko Uburezi Gatolika bushyirwamo imbaraga. Bemeje ko icyumweru cy'uburezi kizasorezwa muri Diyosezi ya Cyangugu tariki ya 05 Kamena 2026. Mu kuganira n'ibitangazamakuru bya Kiliziya, Abepisikopi basabye Radiyo Mariya kongerera imbaraga iminara ku buryo yagera kuri benshi. Basabwe kandi kujya bitonda mu guha abantu babonetse bose ibiganiro, kugirango hatazamo inzira y'ubuyobe. Pacis TV yashimiwe umurimo ikora isabwa gushyiraho abakurikirana imivugirwe y'indimi no kubahiriza umuco.

Abepisikopi baganiriye ku nshingano z'urukiko rwa Kiliziya, banzura ko ari ngombwa guha imbaraga urugereko rw'ibanze no kubahiriza igihe gisabwa ngo icyemezo kinyuzwe mu nzira ziteganijwe. Abepisikopi bakiriye Komisiyo ya Kateshezi, baganiriye ku kwigisha Gatigisimu. Bababajwe ni uko mu nteganyanyigisho iryo somo rigenda ryigizwayo. Basabye ko Gatigisimu yakomeza kwigishwa mu mashuri Gatolika. Abepisikopi bongeye kwibutsa Komisiyo y'urubyiruko ko ari rwo rugize umubare munini w'abakirisitu, bityo rukaba rugomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko. Abepisikopi basabye urubyiruko kudatwarwa n'abarushukisha inkunga bakabigisha ibihabanye n'umuco n'imigenzo myiza y'ubukirisitu. Bemeje ko ituro rya Komisiyo y'Urubyiruko rizajya ritangwa ku munsi mukuru wa Kristu Umwami.

## 5. Igitabo ku mabonekerwa ya Kibeho

Abateguye igitabo kuri Kibeho bamurikiye Abepisikopi aho umurimo ugeze, bashima uburyo igitabo gisubiza ibibazo biterwa n'abahuzagurika ku butumwa bwatanzwe na Bikiramariya i Kibeho. Basabwe kukinonosora. Abepisikopi biyemeje na bo ubwabo kugisoma mbere y'uko gisohoka.

## 6. Ihuriro rya "Signis World" (Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru Gatolika ku isi)

Abepiskopi baganiriye ku nama mpuzamahanga ya "Signis World" iteganijwe kubera mu Rwanda guhera ku ya 3 kugeza ku ya 8 Kanama 2026. Izahuza abanyamakuru gatolika bazaba baturutse hirya no hino ku isi. Bemeje ko Komite itegura ishyirwaho vuba n'Umwepisikopi ushinzwe Komisiyo y'Itumanaho kugirango imyiteguro itangire bidatinze.

## 7. Amasezerano na Leta

Abepisikopi bongeye kurebera hamwe uburyo ari ngombwa ko habaho amasezerano na Leta yajya atuma imikoranire igenda neza. Hari intambwe yari yaratewe bifuje ko yakomeza kugera ku masezerano yumvikanyweho hagati ya Leta na Kiliziya.

## 8. Ishami rya Tewolojiya mu Rwanda

Abepisikopi baganiriye ku mushinga wa Arikidiyosezi ya Kigali wo gutangiza ishami rya tewolojiya, ryajya rifasha abakeneye kuyiga ari abapadiri, abiyeguriyimana n'abalayiki. Barebeye hamwe ibisabwa kugira ngo iryo shami ritangire. Bashimye icyo gikorwa biyemeza kugishyigikira no koherezamo abanyeshuri.

**9. Urugo rwa Mutagatifu Tereza**

Abepisikopi bateze amatwi Myr Edouard Sinayobye wabagejejeho uko urugo rwa Mutagatifu Tereza ruhuriweho na Diyosezi ya Cyangugu, Inama y'Abepisikopi mu Rwanda na Cosumar (Impuzamiryango y'Abiyeguriyimana) ruhagaze mu ntangiriro zarwo. Bashimye abagize inzego zemeye gutangirana n'umushinga. Basabye ko hashyirwaho amategeko urwo rugo ruzagenderaho. Biyemeje gutanga umusanzu wabo no gushaka abaterankunga bashyigikira icyo gikorwa.

**10. Gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi ku kugendera hamwe**

Abepisikopi kandi bongeye kuganira kuri sinodi no kwiyibutsa ko iki ari igihe cyo gushyira mu bikorwa imyanzuro ya sinode ku kugendera hamwe. Bifuje ko habaho ibiganiro mu bitangazamakuru bibwira umuryango w'Imana uburyo bashyira mu bikorwa imyanzuro ya sinodi. Barebeye hamwe niba bishoboka kugira gahunda ihuriweho y'ikenurabushyo. Bemeje ko hajyaho ikipe ifasha mu gushyiraho gahunda izagenderwaho (feuille de route).

**11. Umushinga wo gutunganya aho Inama y'Abepisikopi ikorera**

Abepisikopi baganiriye ku mushinga wo kwagura inyubako no kongera ibyumba kugirango bishobore kunganira ubushobozi bw'Inama y'Abepisikopi. Barebeye hamwe ibyihutirwa byabanza gukorwa hanashyirwaho ikipe y'Abepisikopi yo kubitangira.

**12. Ingengabihe y'inama n'ibikorwa by'Inama y'Abepisikopi**

Abepiskopi barebeye hamwe ingengabihe y'umwaka wabo w'ikenurabushyo, barayemeza bamaze kuyumvikanaho.

**13. Amabwiriza ya Liturujiya**

Abepisikopi baganiriye ku gatabo gakubiyemo amabwiriza ya Liturujiya mu Rwanda, basabye ikipe ishinzwe kugategura kunoza ibyari byasabwe byose kagatangarizwa abakirisitu.

Imirimo y'Inteko Rusange yashojwe n'isengesho, ku wa gatanu tariki ya 26 Nzeri 2025, saa munani z'amanywa, Abepiskopi bifurizanya umwaka mwiza w'ikenurabushyo 2025/2026.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 26 Nzeri 2025

**Padiri Védaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C EP R
B P 357 Kigali
Rwanda
PRESIDENT

✠ **Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda